

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'IBIKORWA REMEZO

B.P. 24 KIGALI

Email: info@mininfra.gov.rw

ITANGAZO

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama nyunguranabitekerezo yahuje Abakuru b'ibihugu bigize Umuryango w' Afurika y' Iburasirazuba, yateranye ku itariki ya 12 Gicurasi 2020, hifashishijwe ikoranabuhanga ndetse n'inama yahuje Abaminisitiri bahagarariye Repubulika y'u Rwanda na Repubulika yunze Ubumwe ya Tanzaniya yabaye ku itariki ya 15 Gicurasi 2020;

Guverinoma y'u Rwanda iramenyesha abafite amakamy akora ubwikorezi, abatumiza ibicuruzwa mu mahanga n'abantu bose muri rusange ingamba zikurikira zijyanye n'ubwikorezi bw'ibicuruzwa bwambukiranya imipaka:

1. Ibicuruzwa byose byinjira mu Rwanda bigomba gupakururirwa ahantu habugenewe ku mipaka, ariho Kiyanzi (Kirehe) na Kagitumba (Nyagatare).
2. Ku bicuruzwa bidashobora gupakururirwa ahabugenewe ku mipaka, hazajya hifashishwa serivisi yo kubishyira ku yandi makamy ashobora kubitwara.
3. Ku bicuruzwa bidashobora gupakururirwa cyangwa gushyirwa ku yandi makamy, nk'ibikomoka kuri peteroli n'ibicuruzwa byangirika vuba (urutonde rwabyo ruri ku mugereka), amakamy abitwaye azajya aherekezwa kugeza aho agomba ibicuruzwa kandi nta kiguzi cy'iyi serivisi kizakwa abashoferi cyangwa abatumiza ibicuruzwa. Abashoferi bazajya bemererwa guhagarara gusa ahabugenewe kugira ngo bafate akaruhuko.
4. Imirimo yo gupakurura ibicuruzwa no kwemerera amakamy kugenda bizajya bikorwa gusa hagati ya saa kumi n'ebyiri za mu gitondo (06:00am) kugeza i saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (6:00pm). Kugira ngo ibyo bishoboke, ni ngombwa ko ba nyir'ibicuruzwa bategura aho kubipakururira mbere y'uko abashoferi bava ku mupaka, mu rwego rwo kurinda abashoferi COVID- 19 ndetse no kugabanya ibyago byo gukwirakwiza indwara mu baturage bitewe no gutinda aho bapakururira.

5. Mu gihe gupakurura amakamyoyaherekejwe bitabashije kurangira mu gihe cyavuzwe haruguru, abashoferi bagomba gucumbikirwa ahabugenewe ku kiguzi cy'abatumije ibicuruzwa. Aho bazacumbikirwa hagomba kuba harinzwe mu rwego rwo kurinda abashoferi n'abaturage bahaturiyekwandura COVID-19.
6. U Rwanda ruzashyiraho uburyo bwo gupima abashoferi bose banyura mu Rwanda bajyanye ibicuruzwa mu bindi bihugu ndetse n'abatwaye ibicuruzwa byangirika vuba n'ibikomoka kuri peteroli biba byoherejwe mu Rwanda.
7. Amakamyonyura mu Rwanda ajyanye ibicuruzwa mu bindi bihugu azajya aherekezwa kuva yinjiye kugeza asohotse, kandi abashoferi b'ayo makamyobazajya bemererwa guhagarara gusa ahabugenewe kugira ngo baruhuke. Igiciro cyo guherekeza ayo makamyokizishyurwa na Guverinoma y'u Rwanda.

Icyitonderwa:

1. Amafaranga y'ububiko na parikingi:

- i. Serivisi zose za gasutamo, ahagenewe gupakuriraho ibicuruzwa ndetse n'ububiko bw'ibicuruzwa byarateganyijwe ku mipaka mu rwego rwo kubungabunga umutekano w'abashoferi, amakamyon'ibicuruzwa.
- ii. Bitewe n'uko ibicuruzwa bitagomba gutinda aho byagenewe gupakururirwa ku mupaka, birasaba ko ibicuruzwa byose bigomba kumenyekanishwa mbere yuko bigera mu Gihugu, kandi ba nyirabyo bakabifata mu muni umwe (1). Abazarenza icyo gihe bazacibwa amande ya 2 FRW / kilo / ku muni. Aya mafaranga aziyongera ku mafaranga asanzwe y'ububiko ndetse n'amafaranga ya parikingi (2 FRW/ kilo / ku muni).
- iii. Nyuma y'iminsi itatu (3) y'ubukererwe, ibicuruzwa byapakuruwe bizajya bijyanwa mu bubiko buri i Kigali ku kiguzi cy'ababatumije (ubwikorezi n'ubwishingizi).

2. Kumenyekanisha ibicuruzwa muri Gasutamo:

- i. Abatumiza ibicuruzwa mu mahanga barasabwa kumenya neza niba ababunganira mu gukurikirana ibicuruzwa byabo muri gasutamo barakoze imenyekanisha ryabyo bigeze ku cyambu cya mbere byinjiriyeho nk'uko biteganywa n'ihuzwa rya za Gasutamo.
- ii. Inyandiko zimenyekanisha ibicuruzwa zigomba koherezwa kuri gasutamo mu buryo bw'ikoranabuhanga.
- iii. Abatumiza ibintu mu mahanga bose bagomba gukoresha inyemezabuguzi itanzwe na EBM ya 2.

Bikorewe i Kigali ku wa 19 Gicurasi 2020



Minisiteri y'Ibikorwaremezo

UMUGEREKA

URUTONDE RW'IBICURUZWA BIGOMBA GUHEREKEZWA

1. Ibikomoka kuri peteroli
2. Ibicuruzwa byangirika vuba
3. Ibicuruzwa byo kwitonderwa, bitemerewe kuvangwa n'ibindi
4. Imiti n'ibikoresho byo kwa muganga